REPUBULIKA Y'U RWANDA

MINISITERI Y'URUBYIRUKO,
SIPORO, UMUCO NO KWIGISHA
IMYUGA ICIRIRITSE
B.P. 1044 - KIGALI

Kigali, kuwa

N°

# UMUSHINGA WA BIRO NGISHWA NAMA KU RWEGO RW'URUBYIRUKO.

---

Wateguwe n'Abayobozi b'imiryango y'urubyiruko

- ASR(Association de Scouts du Rwanda)
- Xaveri
- JOC Rwanda

- Croix Rouge Rwandaise
- Turerere u Rwanda
- YMCA(young Men Christian's Association)
- AJENI (Association de jeunes de Nyakabuye pour les Indigents
- AGR (Association de Guides du Rwanda)
- RYSBOC (Rwandese Youth in Struggle for Better Living and Orphan's care).
- Jeunesse pour Christ au Rwanda.
- AJMR (Association de la Jeunesse Misulmane au Rwanda)
- AJERGE (Association de Jeunesse Rescapés du Génocide) Wishavura
- JEC (Jeunesse Etudiantine Chritienne).

16 Nzeri 1997

INTERURO.

- Kuwa 27 Kanama 1997, byifujwe na Ministeri y'urubyiruko, Siporo, Umuco no kwigisha Imyuga Iciriritse,
- hateranye inama yahuje ubuyobozi bw'urubyiruko muri minisiteri n'abahagarariye imiryango
- yurubyiruko.
- Nk'uko bisanzwe kenshi mu nama nk'izo, habayeho kuganira ku bibazo imiryango ifite no kwiga uburyo imikoranire hagati y'imiryango na minisiteri yarushaho kuba myiza.
- Muri iyo nama, igitekerezo cy'urwego rwahuza ibikorwa by'iyo miryango rukanayihuza ku buryo buhoraho(mu bikorwa) na Minisiteri Ni muri urwo rwego hatekerejwe icyiswe « BIRO NGISHWANAMA KU RUBYIRUKO ».

**I.Impanvu bahisemo iri zina**

- Mu manama yabanjirije iyo kuri 27 Kanama,
- igitekerezo cyo guhuza gahunda z'urubyiruko zavuzweho, havugwa ibijyanye n'inama Nkuru y'urubyiruko: conseil national de la Jeunesse (National youth council.)
- Inama yo kuri 27 Kanama, kimwe na MIJESCAFOP, yasanze gusyhiraho Inama Nkuru y' urubyiruko aringombwa, ariko bisaba igihe kirekire n'imirimo myinshi irimo gusobanurira urubyiruko impanvu y'urwo rwego no gukoresha amatora.
- Abayobozi bahagarariye imiryango y'urubyiruko batekereje ko bakoreye mu mpuzamashyirahamwe(collectif) y'imiryango y'urubyiruko ikorana na Mijescafop byatuma habaho mu buryo bwihuta urubuga rwoguhuza gahunda z'urubyiruko mu gihe hatarajyaho Inama Nkuru y'urubyiruko. Nyuma y'impaka ndende, abahagarariye imiryango basanze badafite ubushobozi bwo gushyiraho Impuzamashyirahamwe bitanyuze mu banyamuryango ba burishyirahamwe.
- Nyuma y'ibyo byose, abari munama basanze urwego rwajyaho igihe Inama Nkuru ku rubyiruko itarashobora gutorwa, yaba" BIRO NGISHWANAMA" yafasha Minisiteri kugeza gahunda yayo mu muryango, ikajya inama na Minisiteri mu bijyanye no gukemura ibibazo by'urubyiruko,bagafatanya mukubikemura no gushimangira inzego ruhuriramo, harimo n'uw'Inama Nkuru y'urubyiruko. iyo biro yavaho Inama Nkuru y'urubyiruko imaze kujyaho.

II.Kuki tutategereza ko Inama Nkuru y'urubyiruko imara gutorwa mbere yo gushyiraho Ihuriro ry'imiryango y'urubyiruko

- Hari inzego nyishi ziriho zita ku rubyiruko, zigikorera mu kajagali zitatanya ingufu
- Hari amadosiye y'urubyiruko atinda mu buyobozi bwa leta kuko imiryango iba itashoboye kuyakurikirana vuba
- Urubyiruko ntirushobora guhanahana amakuru no kungurana ibitekerezo kuko rukorera mu nzego zidakorana.
- Hari urubyiruko rutari ruke rwibereye aho,rutagira gukurikirana kandi rwagombye narwo kugira abarwitaho
- Nta bushobozi buri muryango ufite bwo guhuza urubyiruko rwose rwo mu Rwanda.
- Imiryango yisunze leta byarushaho gushoboka.
- Hari ibibazo byihutirwa by'urubyiruko byabonerwa umuti imiryango na Leta byifatanyije.

**III. Uburyo Biro yajyaho n'uburyo izakora**

- Akanama kateguye iyi nyandiko nikamara kubona uburyo, kazashakisha abakozi mu miryango.
- Uburyo bw'ibanze buzatangwa na MIJESCAFOP.
- Abakozi bo ku cyicaro cya Biro bazagendera ku mabwiriza y'inama njyanama ya Biro izabamo:
- Abahagarariye imiryango ku rwego rw'Igihugu
- Abahagarariye Minisiteri ku rwego rw'Igihugu no kuri Perefegitura.
- Biro nijyaho izishakishiriza uburyo bwo gushyiraho inshigano zayo mu bikorwa. Bimwe muribyo bizaba:
    - Ihuriro ry'urubyiruko kumuco w'amahoro
    - Isangano ry'urubyiruko (festival)
    - Akanyamakuru (Bulletin d'information)

- Création d'une banque de données
- Ingendo shuli
- Gukangurira umuco urubyiruko (Animation Culturelle de la Jeunesse)
- Kurangiza ibibazo biri mu muryango bitarinze bijya mu nzego za Leta no gutegura amahugurwa.

## IV. IMISHAHARA Y'ABAKOZI (BUDGET)

| | Umwanya | Umushahara ku kwezi | Umushahara imyaka (2) |
|---|---|---|---|
| 1. | Umuhuzabikorwa | 150.000 frw | 3.600.000 FRW |
| 2. | Abungirije (2) | 120.000 FRW x (2ple) | 5.760.000 FRW |
| 3. | Abashinzwe departement | 100.000 FRW x (5 ple) | 12.000.000 FRW |
| 4. | Umunyamabanga | 100.000 FRW | 2.400.000 FRW |
| 5. | Umushoferi | 60.000 FRW | 1.440.000 FRW |
| 6. | Umupulanto | 30.000 FRW | 720.000 FRW |
| 7. | Umuzamu | 30.000 FRW | 720.000 FRW |
| | **TOTAL** | | **26.640.000 FRW** |

## V. IBIKORESHO BYA BIRO

| | Igikoresho | Umubare | Igiciro kuri (1) | Igiciro cya byose |
|---|---|---|---|---|
| 1. | Computer | 3 | 1.700.000 FRW | 5.100.000 FRW |
| 2. | Photo-copying-machine | 1 | 1.600.000 FRW | 1.600.000 FRW |
| 3. | Telephone | | | 110.000 FRW |
| 4. | Fax | 1 | 350.000 FRW | 350.000 FRW |
| 5. | Type-writer | 2 | 350.000 FRW | 700.000 FRW |
| 6. | Ububati | 5 | 80.000 FRW | 400.000 FRW |
| 7. | Ameza | 3 | 30.000 FRW | 90.000 FRW |
| 8. | Intebe | 25 | 20.000 FRW | 500.000 FRW |
| 9. | Intebe z'urubaho | 2 | 20.000 FRW | 40 000 FRW |
| 10. | Aho bakirira abashyitsi | | 150.000 FRW | 150.000 FRW |
| 11. | Ibiro | 9 | 80.000 FRW | 720.000 FRW |
| | **Total** | | **9.760.000 FRW** | |

VI TRANSPORT :

1. Imodoka 16.000.000 FRW
2. Motor 1.500.000 FRW x 2 = 3.000.000 FRW
**Total** **19.000.000 FRW**

VII AMAFARANGA AZAKORESHWA MU BIKORWA BYA BURI MUNSI

1. Ibikoresho bya Biro : 5.000.000 FRW

2 Itumanaho: - 2.500.000 FRW

3.Gukodesha Inzu: 300.000 x (24 Amezi) = 7.200.000 FRW

4.Amafaranga y'ingendo: 4.000.000 FRW.
TOTAL 18 700.000 FRW

VIII BYOSE HAMWE:

1.IMISHAHARA Y'ABAKOZI: 26.640.000 FRW

2.IBIKORESHO BYA BIRO: 9.760.000 FRW

3. TRANSPORT 19.000.000 FRW
4. AMAFARANGA AZAKORESHWA
MU BIKORWA BYABURI MUNSI: 18.700.000 FRW
TOTAL **74.1 00.000 FRW**

***BIRO N'ABAKOZI BAYO***

